

*Itorero rya  
Gikristo rya  
Tony Alamo*

*Ikinyamakuru cy`isi*

**Yeruzalemu Nshya**

*Pasitoro Tony Alamo*

**Amatorero kw`isi hose**

*Ihuriro rya Gikristo rya Alamo*

*Nomero 06000*



*Pasiteri Tony Alamo—Ifoto yo 1986*

iti, “Hanurira aya magufwa maze uyab-wire uti yemwe mwa magufwa yumye mwe, ni mwumve ijambo ry’Uwiteka. Uku ni ko Umwami Uwiteka abwira aya magufwa ngo: Dore ngiye kubashyiram umwuka ngo mubevo.”<sup>3</sup>

Isiraheli nk’igihugu yari izi ko itakiriko habe na mba.<sup>4</sup> Kuri uyu munsi bari bihebye kandi baratatanye. Ariko Imana yabwiye Ezekiyeli ko Izubaka ikindi gihugu gikomeye kurusha Isiraheli ya mbere, kitari guhagarika gu-kora ibyaha. Isiraheli ya kabiri izaba ari iy’abantu baturutse mu mahanga yose y’isi,<sup>5</sup> abasigaye batoranyijwe bo mu Bayuda n’umubare munini utabarika w’abandi batari Abayisiraheli bahinduwe ishami ry’Umuzabibu w’Ukuri (Kristo).<sup>6</sup> Kizaba igihugu, igihugu gikomeye kandi cyera cy’abantu bakuwe mu buzima bw’urupfu rw’icyaha bashiyrwa mu buzima buhoraho.<sup>7</sup> Ntibazongera kwitandukanya n’Imana ukundi. Uku kwabaye ukuzuka kwa mbere gukomoka ku bubasha bw’ukuzuka kwa Kristo.<sup>8</sup>

## **Ubuhamya bwa TONY ALAMO**

### **Amagufwa Yumye**

**Bikozwe na  
Tony Alamo**

Umuhanuzi wo mu gihe cy’Isezerano rya Kera, Ezekiyeli, yeretswe n’Imana. Abona ikibaya cyuzuye amagufwa yumye, bishushanya urupfu mu by’umwuka rw’igihugu cya Isiraheli n’isi. Uku kwerekwa kwari imbizi y’ukuza kwa mbere kwa Kristo, Ubutumwa Bwe bwiza n’impinduka za bwo, umuzuko wa mbere w’abo bose abemera “Ijambo ry’Uwiteka”<sup>1</sup> bava mu rupfu binjira mu bugingo buhoraho.

Imana ibwira Ezekiyeli iti, “Mwana w’umuntu, mbese aya magufwa yabasha gusubira kubaho?” (ayo yapfuye mu buryo bw’umwuka yakongera kubaho?) Ezekiyeli arasubiza ati, “Mwami, Uwiteka, ni wowe wayaremye, ni wowe ubizi”<sup>2</sup> Imana irongera ibwira umuhanuzi,

Mu 1964, mbere y’umuzuko wanjiye muri Kristo, jyewe, Bernie Hoffman, uzwi no ku izina rya Tony Alamo, nari nzwiho gukora ibyaha cyane no kutamenya Imana. Ntabwo narinizi ko Imana ibaho. Ijambo ry’Imana kuri jye ryari amahamba n’inkuru mpimbano, bityo sinumvaga ukuntu abantu bashobora kwemera Imana cyangwa Umwana wa Yo. Sinashoboraga kwemera abo ba-vuga ko bemera Imana, kuko kuri njye bari indyarya. Bakoraga ibyaha nka njye, cyangwa bakandusha no kubikora. Ndabizi kuko namaranaga na bo igihe kinini. Twese twari itsinda ry’abapfu, amagufwa yumye. Nagiraga umujinya iyo umuntu yashakaga kumpindura ngo angire umukristo, kuko kuri jye Bibiliya yari iyo kuntera umwanya. Ubuzima nabagamo ntabwo bwampaga umwanya wo guta mu mikino cyangwa ku nkuru z’ibitarabayeho.

Nafatwaga nka nimero ya 1 mu bijanye no kwamamaza. Nari nshinzwe guteza imbere ku buryo bwa gihanga

umwuga w’ abahanzi n’abakinni ba ma filimi bazwi cyane ku isi, ndetse no kwamamaza ibikoresho byinshi bikoreshwu mu ngo. Inzozi mbi cyane kuri jye rero, yabaye iyampinduye, maze nkhirakwiza mu nkengero z’imihanda utwandiko duto tw’Ijambo ry’Imana tu-vuga kuri Yesu, nibera mu butumwa mu duce tugizwe n’akajagari, nigisha Ijambo ry’Imana, ari nako ntegura ahahurizwa abantu bashonje ngo bahabwe ibiribwa. Hagati mu myaka ya za 60 isi ntiyangaragariraga neza. Si nakundaga ibiyoby-abwenge cyangwa abantu banduye bafite imyitwarire nk’iy’ingurube. Kandi, nangaga inzaduka zisibanganya indanga gaciro zakorerwaga muri Hollywood, i Sunset Strip, no mu isi. Ku bwanjiye si nari umwre. Sinitaga rwose ku byaha abantu bakoraga, mu gihe cyose baga batabishyize mu ruhame imbere y’imiryango ifite abana bato. Kuri jye isi yari yararangie, yarapfuye, yimiranye, itakiri iyo kwihanganirwa, nta heza ha-

(Komereza ku rupapuro rwa 2)

<sup>1</sup> Ezek 36:1, 4   <sup>2</sup> Ezek 37:3, bib Abah 3 Ezek 37:4-5, aram bib. <sup>4</sup> Ezek 37:11   <sup>5</sup> Itang 17:4-16, 22:18, 26:4, 46:3, 48:19, 49:10, Kuva 19:6, 32:10, Zab 22:27, Yes 2:2, Yoh 11:51-52, Ibyak 10:34-35, Fes 1:10, Heb 8:8-12, 1 Pet 2:9-10, Ibyah 5:9, 14:6 n’ibindi byinshi   <sup>6</sup> Yoh 15:1, Rom 11:17, 19, 23, 24, Ibyah 7:4   <sup>7</sup> 1 Pet 2:9   <sup>8</sup> Rom. 15:12, 1 Kor. 15:15, 16, Kolo. 2:12, 3:1, 1 Tes. 4:16, Ibyah 20:5-6

## Ubuhamya bwa TONY ALAMO

(Komeza uvuye ku rupapuro rwa 1)

zaza igifite.<sup>9</sup> Mbese nta kintu na kimwe kigifite agaciro habe na mba. Nizera ko n'abandi bantu ku isi bari babizi nkanjye, kandi bafataga ibiyobyabwenge kugira ngo bahunge ukuri kwa byo. Insengerero zari indyarya; kandi buri muntu wese yasaga nubizi. Isi yose yari yarapfirije mu byaha no kwica amatego.<sup>10</sup> Isi yari ikibaya kinini cyane cy'amagufwa yumye, nk'icyo Ezekiyeli yabonye.<sup>11</sup>

Nahuye na Yesu mu biro i Beverly Hills (aha hakaba ari aho abakinniyi benshi bo muri Hollywood batuye) mu buryo butangaje. Nta muntu n'umwe ushobora kumva uburyo nagize ubwoba bwinshi, ariko na none nishimye, ubwo Imana yampamirizaga ko Ibah-o Yo n'Umwana wayo. Nashimishi-jwe cyane no kwiyumvamo Umwuka wayo mwiza cyane Wera, nka numva Ijwi ryayo rifite imbaraga rihuha mu bice byose by'umubiri wanje nka-ho nabaye akayunguruzo gacibwamo n'amagambo imbere n'inyuma. Ukuhaba kwa Yo byari umugisha kandi biteye ubushyuhe. Umwuka wayo wankoze-ho n'imbaraga nyinshi nk'ufashweho n'ikiganza cy'Imana. Maze Ijambo Rye rirambwira ngo "Haguruka uhagarare ku maguru yawe maze ubwire abantu muri iki cyumba ibyerekeye Umwami Yesu, kandi ko Azagaruka kuri iyi si na none, bitabaye ibyo no gupfa bazapfa" Igihem umwuka We waje mu biro ukankoraho, nahewe kumenya ubuhanga Bwe butangaje ariko butavuga.<sup>12</sup> Yari akaremango gato n'akisumbuyeho kose gashoboka kagize ibiriho byose.

<sup>9</sup> Mat 13:39, Umutwe wa 24, 1 Kor 15:24, Heb 9:26, 1 Pet 4:7 <sup>10</sup> Fes 2:1, 5, Col 2:13 <sup>11</sup> Ezek 37:1 <sup>12</sup> Kub 24:16, 1 Sam 2:3, Yobu 21:22, Zab 32:8, Imig 2:6, 3:20, 9:10, Luka 1:77, Rom 11:33, 1 Kor 1:25, 2:16, 3:19, 2 Kor 4:6

Yari umwuka. Yari azi ibyambayeho byose mu gihe cyahise n'ikizaza.<sup>13</sup> Nari mfite isoni nyinshi cyane kuko nari nzi ko Azi ibyo nakoze byose. Hanyuma Yanyeretse ko Ijuru n'Ikuzimu bibaho ntashiti. Narinzi aho nagombaga kujya iyo ntumva ibyo Yambwiraga... kandi ntiharikuba mu Ijuru.


Nubwo byari binteye ubwoba,<sup>14</sup> ariko na none byari byiza cyane kumenya ko Imana yari ukuri kandi ibaho ko n'ibyo byose abahanuzi n'intumwa bayivuzeho ari byo koko. Ntiyigeze Ihinduka kuva ku munsi yaremyeho Ijuru, isi, n'ibibirimo byose.<sup>15</sup> Nahise menya ko ngomba guhora Nyitinya, Nyitangarira, Nyubaha, Nyikunda na Nayikorera. Nari nzi ko byari birenze kure kwifuza kubaho, ntotezwa, nkaba nanapfa ku bwa Yo, kandi nkabikora nishimye, nzuuye ibyishimo.<sup>16</sup>

Nyuma y'uko Imana inkuye muri ibyo biro, natangiye kuyibaza nti "Urashaka ko nkora iki? Nzakora icyo uzavuga cyose." Sinabonye igisubizo, bityo nibwiye ko Yifuza ko najya mu rusengo. Nibwiye ko urunini cyane kurusha iz-indi ari rwo rwiza; bityo nagiye aho, kandi sinayibonye yo. Hanyuma yaho, nagiye muzindi nsengero, ariko naho siho Yari iri. Hanyuma nasomye ibitabo bifite igifuniko cy'amafoto y'abagabo basa n'abahanga, bifitemo ubumana, bafite ubwanwa burebure, kandi bam-baye imyambaro y'abanyamadini, ariko narinzi ko ibyo bitabo bitari byo kuko bavugaga ko Imana itari iyo gutinywa,<sup>17</sup> ko Imana idatera abantu ubwoba, kandi ko ushobora gukora ibyaha ntujye Ikuzimu.<sup>18</sup> Ntabwo nari ntewe impungenge no kubona Imana isa ityo, nari nshishikajwe no kubona Imana yari yanteye ubwoba,<sup>19</sup> Imana yari yanyeretse Ijuru n'Ikuzimu, Ikantera gukora icyo umuntu uwo ari we wese atashoboraga kuntera gukora.

Sinari narigeze ntekereza ko ukuri gushobora kuboneka muri Bibiliya kuko hari nyinshi cyane iruhande rwanjye. Si niyumvishaga ukuntu ikintu abantu bose muri rusange birukira gishobora kuba icy'ubuhanga, kuko nemeraga ko abantu muri rusange ari abaswa. Amaherezo, natangiye gusoma Bibiliya, niuko mbona umugambi w'agakiza muri yo n'amabwiriza aganisha k'ubuggingo buhoraho atubwira uko bakura muri Kristo no guhinduka ku bw'umwuka ukaba uzana abantu Kuri kristo.<sup>20</sup>

Ubwo natangiraga gusoma Bibiliya bwa mbere, numvise imbaraga z'Imana zinkoraho nk'izo nari numvishe mu biro i Beverly Hills. Maze Imana ingaragariza ukundi kwerekwa kw'Ijuru n'Ikuzimu.<sup>21</sup> Ntakira Imana, "Mwami, winyohereza Ikuzimu!" Hanyuma mbona Ijuru nuko niyumvamo amahoro y'Ijuru.<sup>22</sup> Nubwo mu buryo bw'umwuka nari impumyi, nambaye ubusa, kandi ndi muto cyane, nabwiye Imana ko nakwifuza kuguma ndi impumyi, nambaye ubusa, kandi ndi ubusa niba narashoboraga kuguma kwiyumvamo aya mahoro y'ijuru iteka. Nongeye kubona ikuzimu indi nshuro imwe maze ntakira Imana nyisaba imbabazi n'impuhwe. Hanyuma imbaraga za Se, Umwana, n'Umwuka Wera by-injira umubiri wanje upfa.<sup>23</sup> Ku bwo kwizera kwanje Yesu n'amaraso Ye Yatanze ku bwanje, no ku bwo kwizera Ijambo ry'Imana numvise kandi nkumvira.<sup>24</sup> Numvise ibyaha byose naba narigeze gukora bivanywe mu bugingo bwanjye.<sup>25</sup> Numvise nejejwe kandi nera.<sup>26</sup> Ikintu gitangaje cyari cyambayeho, kandi cyari cyankorewe, gikozwe na Kristo Yesu, "Uwera wen-yine wa Isiraheli."<sup>27</sup> Nari nishimiye cyane kuvanywa mu byaha no kugira izi mbaraga nshya zindinda gukora ibyaha ku rwego nifuzaga kubwira isi yose ku-

<sup>13</sup> Zab 44:21, 94:11, Yes 46:9-10, 1 Kor 3:20, 1 Yoh 3:20, Ibyah 21:6, 22:13 <sup>14</sup> Itang 35:5, Abal 26:16, Yobu 31:23, Yer 32:21, Ezek 32:32, 2 Kor 5:11 <sup>15</sup> Itang 1:1, Mal 3:6, Ibyak 4:24, 2 Kor 5:11, Heb 13:8 <sup>16</sup> Zab 5:11, 35:19, Yes 51:11, 61:10, Yoh 16:33, Ibyak 2:28, 20:24, Rom 12:8, 15:13, 2 Kor 8:12 <sup>17</sup> Itang 22:12, Zab 112:1, Imig 13:13, 14:16, 28:14, 31:30, Umubw 7:18 <sup>18</sup> Imig 8:36, Ezek 18:2, 4, Ibyah 19:20, 20:10, 14, 15, 21:8 <sup>19</sup> Itang 2:17, 6:7, 9, 13, Kuva 20:5, 32:33, 34:7, Ezek 3:18, 18:20, Mat 8:12, 22:13, Mar 16:16, Ibyah 2:5, 16, 22-23, 3:3, 20:15 <sup>20</sup> Yoh 4:35-36, 15:5, 8, 15-16, Ibyah 14:18 <sup>21</sup> Yes 5:14, 14:9, Luka 16:22-31, Ibyak 7:55-56, Ibyah 4:1-11, 14:10-11, 15:1-4, 20:10, 21:2-5, 10-27, 22:1-5 <sup>22</sup> Rom 5:1, Fes 2:14, Fili 4:7, Col 3:15, 1 Tes 5:23, 2 Tes 3:16 <sup>23</sup> Abar 26:11-12, Yoh 14:16, 2 Kor 6:16, 1 Pet 2:5, 1 Yoh 3:24 <sup>24</sup> Hab 2:4, Mat 17:20, Luka 7:50, Ibyak 20:21, 26:18, Rom 1:17, 3:28, 5:2, 10:17, 11:20, Gal 2:16, 3:11, Fes 2:8, 3:17, Heb 10:38 <sup>25</sup> Mar 14:24, Yoh 6:53, Ibyak 20:28, Rom 3:25, 5:9, Fes 1:7, 2:13, Kor 1:14, 20, Heb 9:12, 14, 22, 1 Pet 1:18-19, Ibyah 1:5, 5:9 <sup>26</sup> Heb 10:19-22, 1 Yoh 1:7, Ibyah 1:5, 7:14 <sup>27</sup> Zab 89:18, Ibyak 3:13-14



gira ngo nabo bamumenye maze bagire ubugingo buhoraho.

Ndetse na nyuma yo kuba mu itore-ro ku bwa Kristo guhera 1964, numva umusokoro wo mu mwuka usukwa umanurwa uva mu ijuru ushyirwa muri aya magufwa yumye nanone cy-ané, buri gihe cyose nsoma Bibiliya. Ijambo ry'Imana ryazengurutse aya yahoze ari amagufwa yumye, riya-fubika umubiri n'igikoba cy'ingabo y'Umwuka Wera. Buri Jambo ry'Imana ryanterey Kristo mu mutima wanjye. Ndacyumva buri Jambo ry'Imana rim-pumekeramo Umwuka Wera mu bu-gingo, bikampa imbaraga zo guhagarara nkazimya imyambi igurumana Satani yanterey muri iyo myaka. Buri munsi menya byuzuye kurushaho ko "turenze abatsinze" muri Kristo Yesu,<sup>28</sup> kandi ko "muri We twuzuye"<sup>29</sup> na none nzi uburyo ari iby'agaciro gakomeye gukurikiza Ijambo ryose rya Yesu, We Wavuze, mbere gato yo kuzamuka mu Ijuru Kwe mu bicu, ati "Mujye ku isi yose, maze mwigishe Ijambo ry'Imana ku biremwa byose."<sup>30</sup> (Kwigisha ijamb-vo ry'Imana amagufwa yose yumye, abo bapfuye mu buryo bw'umwuka kugira ngo babashe "kumva Ijambo ry'Uwiteka Imana."<sup>31</sup>)

(Komereza ku rupapuro rwa 8)

28 Rom 8:37, 1 Yoh 4:3-4 29 Kol 2:10 30 Mar 16:15, Luka 14:23 31 2 Abami 20:16, Yes 1:10, Yer 2:4, Ezek 37:4



Umuvugabutumwa w'umufatanyabikorwa n'Amatorero ya Gikristo ya Tony Alamo M.C akwirakwiza ibinyamakuru bya Pasiteri Alamo- Leta Iharanira Demokarasi ya Kongo.

## Tanzaniya

Bwana Pasiteri Alamo, mukundwa ukaba na Pasitoro Imana yaduhaye,

Umugisha, imbabazi, n'amahoro akomoka kuri Data na Kristo Yesu Um-wami wacu abane nawe n' itorero ryawe. Ndashimira Imana, yo nakoreye guhera mu 1994, ndi umuvugabu-tumwa muri Musoma, Tanzaniya. Nakomeje kwagura itorero ryanje mu gi-hugu hose, ndetse no hanze ya Tanzani-ya. Ni uko rero Pasiteri, sinari narigeze numva ijwi ryawe cyangwa inyigisho zawe, cyangwa ngo mbe narigeze nku-bona, ariko biciye mu nyandiko zawe nakiriye kandi ngasoma ubutumwa bwazo bw'akataraboneka, urugero, "Amagufwa Yumye", Mesiya, n'Ubushyo bw'Imana", zanditswe nawe, Pasitoro Tony Alamo, wowe muvugabutumwa ukomeye ku rwego mpuzamahanga muri izi nyandiko, nabashije kumenya no kumva ikigu-hangayikishije haba ku munsi wa none no mu gihe kizaza ku bijyanye n'itorero, ryo mubiri wa Kristo. Njyewe n'abagenzi banje dukorana mu Mwami hamwe n'abakiriye agakiza bashya, abo bemeye Kristo biciye mu nyigisho zawe, twakoze ihuriro twise Believer community Church (BCC). Turifuza gusakaza itorero ryawe

muri Afurika y'Iburasirazuba, cyane cy-ané muri Tanzaniya, tukayikwirakwiza no mu byaro byakure. Dukeneye ubu-fasha bwawe, turabikwingingira Pasitoro. Niba ushobora kuduha indangurura majwi, moteri itanga ingufu z'amashanyarazi, ndetse na Bibiliya ku bakijijwe bashya n'inyandiko zo kwifashisha twigisha kuko tuzikeneye mubijyanye n'Ijambo ry'Imana muri iri torero, inyigisho zaho dutuye. Ku bw'ibi Imana izaguha umugisha mwinshi. Imana ihe umugisha itorero ryawe kandi izamure ubuzima bwawe bwo mu mwuka ku bw'imirimo yaye myiza wakoze.

Turagushimye cyane kandi dutegereje igisubizo cyawe cyiza tubikuye ku mutima. Uwawe muri Kristo., O.E.M.

Tanzaniya, Afurika y'Iburasirazuba

## Kariforiniya

Bwana Pasitoro Alamo,

Nandikanye iyi baruwa imbaraga z'Umwuka Wera, kandi nikwije INTWA-RO ZOSE Z IMANA zimbashisha gu-hagarara ntatsinzwe (Fes 6:10-17). Vuba aha, bivuye ku gukura mu n'ubufatanye na mwene data mu ngabo z'imana, ukuri kumwe na kumwe n'amabanga ya Bibili-ya yarampishuriwe biturutse ku Mwuka Wera. Ndabizi ko ubu Imana irimo itegura abo yatoranyije, kandi hari urupapuro na-guyeho mu nyandiko wasohoye. Ndahamya ko Imana yanzaniye inyandiko zawe mu gihe cy'ingenzi ubwo nari nkeneye kumenya ukuri kumwe na kumwe. Na-tangajwe cyane n'itorero ryawe. Uri ukuri kwambaye ubusa, kudahinduye na gato, umbwira iby'impande zose z'ubuhanuzi. Ndakwingize nshira mu banyamuryango bawe, unanshire ku rutonde rw'abakira ubutumwa bwawe, kugira ngo mbashe gu-kura mu Umwuka Wera, mpabwe inkota y'Imana y'ukuri. Ndi muri gereza ya Leta, ku bw'ibyo sinabasha kubona ibitabo bi-funitse. Sinabasha gutanga inkunga yan-jye, ariko isengesho ryanje ni ugusabira itorero ryawe ry'inyambaraga kugira ngo rikomeze gutera imbere riri kumwe nawe ngo muzashinge mukomere.

Uwawe,

B.L.

Corcoran, California

# UBUHINDE

Muvandimwe kandi tuyobozi wacu mu mwuka kandi dukunda cyane, Pasitoro Tony Alamo

Intashyo n'indamukanyo zituruka ku bavandimwe bashyize hamwe bo mu Buhinde bibumbiye mu Itorero rya Gikristo rya Tony Alamo. Nagize ibyishimo byinshi n'umunezero ubwo nakiraga Bibiliya Zera n'izindi nyandiko zawe zirimo, iyitwa *Mesiya*. Mu gusenga, njyewe n'abavandimwe bagenzi banjye b'AbaKristo turi gukwirakwiza umugambi nyakuri w'agakiza ku bantu bose bazi Icyongereza, kandi turi kugerageza guhindura izi nyandiko zihariye mu ndimi zacu gakondo ku bantu batazi icyongereza n'abatuye mu byaro. Umubare munini w'abantu, abatwara amabisi n'imodoka nto, abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye, abiga ubuganga, n'abiga iby'ubumenyi rusange, abakozi n'bakoresha mu nganda, abarimu n'abo bandi bose bakiranye umwete mwiza izi nyandiko zuzuye umugambi nyakuri w'agakiza bari guhabwa umugisha kubera zo. Abantu benshi bakiriye Yesu Kristo nk'Umukiza wabo bwite mu mugi wacu biciye mu nyandiko zawe. Turabinginze



Umuvandimwe T.R ukwirakwiza igitabo cya Alamo cy'ububasha kandi gikiza ubugingo, cyitwa *Messiah-Rajahmundry, Ubuhinde*

mudushyire mu masengesho yanyu y'agaciro.

Mu cyubahiro cyanyu yari umugaragu wanyu mu murima w'imizabibu Ye. Murakoze

Pasitoro N.T

Rampachodavaram Mandal, Ubuhinde

Ukuri kugaragara neza cyane muri uyu mutwe **ni impongano no kubabazwa kwa Mesiya mu cyimbo cyacu**. Uyu mutwe utangaje ufite imiron-go cumi n'ibiru gusa, ariko utangaza umugambi w'igitambo cy'imponganu kubw'ikiremwamuntu cyose inshuro cumi n'enye. Igika cyose (Yes 52:13-53:12) kirabishimangira kandi ubu bwiru ntibwigeze busobanuka kugeza ubwo Umwami Yesu "ahinduwe... kuba icyaha ku bwacu" (2 Korinto 5:21).

Uwiteka "Amushyiraho gukiraniwa kwacu twese" (Yes 53:6). Mesiya yabaye Umucunguzi ufite ubumana washyiz-weho urubanza rutwika rwari kuba rwanukiye ikiremwamuntu. Mbega ngo Ubuntu bw'Imana buraba bwiza kubera imponganu ya Kristo! Ni uko rero umusaraba wabaye uguzugurwa gukabije kwa Kristo, ariko uba n'ikuzo rye risumba ayandi — bityo gutoranywa kwe bisobanura kuzanira agakiza umuntu.

Igihe Umwami Yesu yaje, yujuje ubuhanuzi bwerekkeye Mesiya atanga imponganu y'urupfu rwe ku musaraba: "ubwe yikoreye ibyaha byacu mu mubiri we abibambanwa ku gitu" (1 Pet 2:24).

(10) *Mesiya azababazwa kubushake bwe kandi ntazabumbura umunwa we*, Yes 53:7:

"Yararenganye ariko yicisha bugufi, nti-yabumbura akanwa ke: Amera nk'umwana

Guhemurwa no gucirwa ho iteka nibyo byamukujeho. Mu b'igihe cye ni inde witayeho ko yakuwe mu isi yabazima, akaba yarakubitiwe ibicumuro by'ubwoko bwe... ariko Uwiteka yashimye kumushen-jagura, yaramubabaje. Ubwo ubugingo bwe buzitamba igitambo cyo gukuraho ibyaha, azabona urubyaro azarama, ibyo Uwiteka ashaka bizasohozwa neza n'ukuboko kwe... azabona ibituruka mu bise by'ubugingo bwe bimwishimishe, bimuhaze, Umugragu wanjiye ukiranuka azatuma benshi bahabwa gukiranya no kumenya kandi azishyiraho gukiraniwa kwabo."<sup>1</sup>

(B) Yes 53 (*ugakomeza*)

(9) Kubabazwa kwa Messiya nk'Impogano, Yes 53:4-6, 8, 10-12

"Ni ukuri intimba zacu ni zo yishyizeho, imibabaro yacu ni yo yikoreye ariko twebweho twamutekereje nk'uwalubiswe n'Imana agacumitwa nayo, agahetamishwa n'imibabaro... Nyamara ibicumuro byacu nibyo yacumiwi, yashenjaguriwe gukiraniwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye niyo adukirisha... Twese twayobowe nk'intama zizimiye, twese twabaye intatane, Uwiteka amushyiraho gukiraniwa kwacu twese...

<sup>1</sup> UMWANDITSI W'IBYANDITSWE BYERA yatumye bidashoboka ko hakurwamo umugambi w'igitambo cy'imponganu muri uyu murongo niyo hakoreshwa ubuhanga bwose cyangwa ubumenyi ubwo ari bwo bwose, abikora yerekana uyu mugambi inshuro nyinshi kandi mu buryo butandukanye ariko busa, kugira ngo ubishoboye kuwukuramo hamwe afatwe nawo ahura nawo ahandi.

**Bivuye ahakorerwa  
amasengesho amasaha  
makumyabiri n'ane  
hakanatangirwa amakuru**

Dogiteri (D.R.) wo muri McAllister Library, mu ishuri ryo mu isemineri ya Fuller Theological Seminary ryo muri Pasadena, muri California, yarahamagaye avuga ko yabonye ibinyamakuru bimwe na bimwe hasi ku butaka maze akabisoma. Avuga ko yabikunze none arasaba ko yashyirwa ku rutonde rw'abakira ibyo binyamakuru. Avuga ko yakwishimira ko twamwoherereza ibinyamakuru byose na buri gice cyose cy'inyandiko za Pasitoro Alamo yaba yaranditse. Arashaka kugira ububiko bw'inyandiko zose ze ku buryo abashakashatsi bazajya babasha kujya mu nzu ye y'isomero kwiga bisesenguyue Ijambo ry'Imana na Pasitero Alamo. Yashimishijwe cyane nibi. Yavuze ko yakwishimira kuzuza kamwe mu tubati tw'ibitabo inyandiko za Tony Alamo gusa. Yaravuze ngo Tony Alamo abivuga uko biri.



*Pasitoro Mike Omoasegun hamwe na bamwe bo mu itorero rye bakira inyandiko za Pasitoro Alamo zikiza roho na Bibiliya Zera (King James version) zivuye mu Matorero ya Gikristo ya Tony Alamo — Suleja, Nijeriya*

w'intama bajanya kubaga, cyangwa nk'uko intama icecekera imbere y'abayikemura, niko atabumbuye akanwa ke."

Abandi barenganywa barijnjuta cyangwa bagasakuza, cyane cyane iyo batabyone ubutabera— ariko si ko byagenze mu kurenganywa kwa Mesiya. Yaritanze kubushake bwe ku bw'umurimo yaratgeletswe wo "Kwikorera ibyaha byacu" kandi aba nk'intama igiye kubagwa. Muguceceka kwiza n'ubugwaneza, Mesiya azabyihanganira kuko Uwiteka ariko yabishakaga. Ni uko rero hano tubona uwiru busobetse cyane bw'urukundo rudashira.

Mu Isezerano Rishya, igihe Yesu Kristo yakubiswe, agashinjwa ibinyoma, agafatwa nabi, agasuzugurwa, akavunderezwaho amacandwe, agatotewa, agashinyagurirwa, agakubitwa ikiboko, kandi akabambwa, nta gishashi na kimwe cyabayeho cyo kurakazwa, cyangwa gushinja abamugiriraga nabi, nta rusaku rwo kwerekana ko atabyishimiye, ahubwo hari isengesho gusa.

Nyuma y'ibirego byinshi by'ibinyoma yashinjwaga, Umutambyi mukuru

yaramubajije ngo "ntiwiregura na hato? ariko Yesu aricecekera" (Mat 26:59-63).

Iri ni isengesho rya Yesu ubwo yababazwaga n'iyciarubozo ryo kumubamba ku musaraba: "Data, ubabarire kuko batazi icyo bakora" (Luka 23:34).

Uko byagenze kose ni ibidasanzwe, bitandukanye na kamere ndetse n'imibereho y'abantu, ntawushobora gufasha, ahubwo yarahondaguwe, batangaye, ku bw'ubuhanuzi budasanzwe hamwe n'isohozwa rya bwo risesuye.

**(11) Ubwo yavanwaga mu buroko gucirwa urubanza, Mesiya ntiyari afite UMUBURANIRA, nta n'inshuti ngo ihamye ubuziranenge Bwe, Yes 53:8:**

"Guhemurwa no gucirwaho iteka nibyo byamukujeho. Mu b'igihe cye ninde witayeho ko yakuwe mu isi y'abazima?"

Inama nkuru y'abatambyi n'abanditsi "mu guca imanza ziganisha kugihano cy'urupfu" yari ifite umuco wo guhamagaza abashoboraga kuba bafite icyo bazi cyashinjura uregwa ngo baze imbere babitangaze. Ibi ntabwo byigeze bigaragara mu rubanza rwa Yesu w'i Nazare-

ti, ahubwo, ibyanjirije urubanza Rue rwaranzwe n'ubuhubutsi, n'agasuzuguro mbere y'inama nkuru y'abatambyi baku ru n'abanditsi, byari bitandukanye rwose n'amategeko yabo ndetse n'ibipimo byose by'ukuri n'ubutabera ku buryo butangaje kandi bubabaje.

Yesu yagombaga kwitaba mu rukiko ari wenyinge kandi nta munyamategeko umuburanira imbere y'abategetsi b'Abayuda bakomeye bamunzwe n'ikibi kandi bari barikumwe n'abanyabubasha b'abanyamahanga bakomeye cyane kurusha abandi kuri iyi si muri icyo gihe. **Nta muntu n'umwe wari ku ruhande Rue.** Yuda yaramugambaniye; Petero aramwihakana mu ndahiro yivuye inyuma; n'abandi bigishwa "nuko abigishwa bose baramwihakana, barahunga" (Mat 26:56). Ndetse n'abagore benshi bari baramukurikiye mu gihe cy'inyigisho Ze,barahagaze "bahagarara kure bareba" mu gihe Yabambwaga (Mat 27:55). Mu isaha yari akeneye abantu kurushaho, mu buryo bwa kimuntu, NTA MUNTU N'UMWE WAMUSHYIGIKIYE. Mu (Komereza ku rupapuro rwa 6)

**Amasaha makumyabiri n'ane y` amasengesho n`amakuru ku murongo numero— +1(661) 252-5686**

## MESIYA

(Komeza uvuye ku rupapuro rwa 5)

by'ukuri nyuma y'isaha yo kunanizwa n'umubabaro wari washenjaguye umubiri We wavunitse, Mariya nyina We, abandi bagore bake b'abizerwa, na Yohana umwigishwa We yakundaga, ni bo bari "bahagaze iruhande" rw'umusaraba, ariko mu gihe cy'urubanza Rwe n' amasaha ya mberere y'ukubambwa Kwe, Yari yasizwe wenylene—wenylene burundi. Nta na rimwe mu mateka y'isi umuntu n'umwe yigeze atereranwa burundi n'insuti ze n'abo akunda cyane nk'uko byagendekeye Yesu.

Yesu yafashwe, NTA buryo nyabwo buzwi, ahubwo afatwa n'ikivunge, abantu benshi: "Igitero kinini gifite inkota n'lnshyimbo, giturutse ku batambyi n'abakuru b'ubwo bwoko" (Mat 26:47) na Yesu ubwe yagize icyo avuga ku buryo bwabo bakoreshaga butari hamwe: "harya muhurujwe no kumfata nk'uko muzira umwambuzi, mufite inkota n'lnshyimbo? Nicaraga mu rusengero iminsi yose nigisha, kuki mutamfashe? Ariko ibi byose bibereyeho kugira ngo ibyanditswe n'abahanuzi bisohore" (Mat 26:55-56).

Ibirego by'ibinyoma birahimbwa kugirango bamushinje "ngo babone uko bamwica" (Mat 26:59), yajyanywe mu rubanza ninjoro, ibi bikaba bitari byemewe n'amategeko.

Mu rukiko rw'i Roma, ubwo Pilato yashaka nta ntego impamu yo kumuciraho iteka, yabajije rubanda ati, "Yakoze cyaha ki?" igisubizo kimwe yabonye ni urusaku rw'ikivunge cya rubanda rudafite ishingiro bohejwe n'Abakuru babo ngo "Nabambwe!... Nabambwe!" (Mat 27:22-23). Ni uko Pilato abonye ko amagambo y'ukuri n'ubutabera ntacyo amaze kandi ko barushijeho "gushega", n'integre nke abyikuraho abaharira Yesu ngo bamubambe (Mat 27:22-26). Ibi byabaye kutubahiriza ubutabera gukabije cyane mu mateka yose yaranze isi.

Ubuziranenge bwa Kristo ntabwo bwagaragajwe na Pilato wenylene—"Jyewe nta cyaha namubonyeho" (Yoh 19:6) — Kuko n'umuhanuzi wahanuye ibyerekeye Mesiya wo mu Isezerano rya Kera yagize ati: "Ntiyagiraga urugomo, kandi ntagire uburyarya mu kanwa Ke" (Yes 53:9).

Birakomeza mu kinyamakuru numero. 06100

## Zambiya

Bwana Pasitoro Tony Alamo,

Nishimiye kubandikira iyi baruwa. Umeze ute Pasiteri? Ndizera ko ku bw'umugisha w'Imana Ishobora byose, umeze neza. Nasomye ikinyamakuru cyawe kiboneka ku isi yose kitwa "Abayobozi n'Imigenzo," mu cyongereza ("Leaders and Fables") Imana yanyemereye kukigeraho mu buryo bw'igitangaza. Nyuma yo kugisoma, nahawé umugisha cyane, ni uko ndifusa kukwandikira. Ndugushimira cyane ku bw'ubutumwa bwawe bwiza cyane bugera kuri abo batakaye kandi batarokowe kugira ngo Kristo aze mu buzima bwabo. Biciye mu nyandiko zawe abantu benshi babashije kugezwaho Kristo, nagobotowe ku kibi. Imana iguhe umugisha mu bukungu, impagarike no mu mwuka.

Pasiteri, ndi umukobwa ukiri muto, imyaka itanu irashize nshingiwe. Hashize imyaka ibiri mpaye ubuzima bwanye Yesu Kristo, kandi Umwami yambereye umunyamigisha. Mfite intumbero zo kuzigisha abandi Inkuru nziza y'ukuri ya Yesu. Nkuko Abagore bo muri Afurika twakandamijwe ibinyejana byinshi kubera kirazira gakondo, none rero ndifusa kwihewese Umwami. Pasitoro, ndagusaba za Bibiliya, ibitabo, ibinyamakuru, ubutumwa bw'Imana buri ku matepu, n'izindi nyandiko nyinshi kugira ngo bimfashe kujya kubwi-

riza ubwo bugingo bwatakaye. Mugsusa, ndifusa gusaba imfashanyigisho zo kwiga Bibiliya n'indirimbo ku matepu.

Uwawe muri Kristo

L.M

Isoka, Zambiya.

Bwana Pasitoro Tony Alamo,

Mbasuhuzanyije ibyishimo byinshi mu izina ry'Umwami Yesu Kristo. Ndashima Imana ku bw'ubuzima bwawe n'uburyo Yateganyije kugukoresha kugira ngo Ijambo risakazwe kugeza mu Nguni zose z'isi bityo ubuzima burokorwe. Pasitoro Alamo, Nyakubahwa, nari umupagane mbere y'uko nkizwa ikibi bite-we na mugenzi wanje dukorana, igihe nasomye ubutumwa bwawe mu kinyamakuru, byabyukije umutima wanje, kandi nzi neza ko Imana iri guhindura ubuzima bwanye. Ndumva vuba ko Imana ishaka kutubibamo ubutungane bwayo. Pasitoro Alamo, ndisabira na sabira insuti yanje Bibiliya imwe cyangwa ebyiri zanditse mu Cyongereza kugira ngo dusome Ijambo ry'Imana Ishobora byose. Amahoro y'Imana abane nawe n'uburingo bwawe. Ndugushimira cyane ku neza n'abantu baha agaciro mu gusubiza ibyifuzo.

Murakoze,

Kitwe, Zambiya.

G.N.

## Megizike

Ushimwa neza, Pasitoro Alamo

Inyandiko zawe zanageze aho ndi, inyandiko zifite ubutumwa n'ubuhanya butangaje cyane biturutse mu bice bitandukanye by'isi. Ntagushidikanya, Imana iri kugukoresha cyane kugira ngo ubutumwa bwayo bw'agakiza bumbashe kugezwa ku muntu wese. Nabaye muri gereza imyaka irindwi n'igice kubera gutwara urumogi. Mu gihe cy'emyaka ibiri ishize ndi kuba hano, Imana yanyiyeretse Ubwayo muri ubu buzima bubabaje mu buryo nyakuri butangaje. Ndizera gufungurwa uyu mwaka, none ndifusa kumenya niba Wabasha kunyohererera igitabo cyawe, cyitwa Mesiya, n'izindi nyandiko zishobora kumfasha guhindura abahungu banje.

M.A

Monclova, Coahuila, Megizike.

## Ghana

Pasitoro mwiza kandi nkunda,

Ndishimye cyane ko wanyoherereje ibinyamakuru byawe. Icyumweru gishize, narimfite ikarito yuzuye ibinyamakuru byawe. Bwana mukozi w'Umwami, abantu bari bishimiye kubisoma. Insuti zanjye mu cyaro, dusangira impano buri teka kandi turasurana kugira ngo dusengere hamwe, twari duhangayikishijwe no kubisoma kandi zimwe muri roho zasubijwe ubugingo ubwo twasomeranaga ibinyamakuru. Turishimye cyane, kandi turagusaba kudushyira ku rutowe rw'abohererezwa imfashanyigisho y'inkuru nziza. Dukeneye za Bibiliya, inyandiko zawe, kandi tuzishimira kwakira amasomo avuye mu itorero ryawe.

Turagusengera, umuhungu wawe mukundwa, Sion, n'abakorana nawe mu itorero. Imana iguhe umugisha mwinshi. Mbere na mbere kandi mu buryo bwose, dusengere. Amasengesho abasha kutuzanira ukuboko gufite imbaraga kw'Imana Ishobora byose. Nta masengesho, twaba turi "kwizenguruka nk'ipine".

## Nijeriya

Bwana Pasitoro,

Mbaramukije mu izina ry'Umwami Yesu Kristo. Amena. Ikinyamakuru cyanyuma wanyoherereje namaze kugikwirakwiza, kandi ntangazwa cyane n'impinduka kizana mubuzima bw'abacyakiriye, kukobiyemeza gukorera Umwami n'umutima wabo wose, abandi basezeranyije kuzakwandikira. Ndashaka gusaba kopi 25 z'igitabo cyitwa, Mesiya, na kopi 150 z'ibindi binyamakuru byawe, Bibiliya, n'izindi nyandiko zamfasha mu gukwirakwiza Inkuru Nziza no guha inshuti, abo mu muryango wanjye, n'abandi bantu bose bakwifusa kumenya birushijeho Umwani Yesu Kristo. Mu by'ukuri ndifuza rwose kuba umwe mu bahagarariye itorero ryawe hano muri Nijeriya. Ndashaka kumenya icyo bisaba. Nabonye ko ukuboko kw'Imana kuri mu buzima bwawe n'itorero. Ndifuza kugira ugusigwa n'ubuntu biri mu buzima bwawe ndetse n'itorero ryawe. Ntegerezanyije ikizere kubona igisubizo cyanyu. Uwawe mu Mwami,

R.M. Port Harcourt, Nigeria

Turakwingize sengera abanyeshuri bacu b'babakorerabushake, bajya mu cyaro kure cyane no mu misozi ku bw'akazi k'Umwami. Basengere kugira ngo bagire umuhate, kwizera n'urukundo. Umwuka Wera w'Umwami urakubere umurinzi n'umuyobozi. Izahore Yibuka kuguha umugisha mwinshi cyane. Turasenga Imana ngo urambe, ugire amahoro, n'uburumbuke.

Turagukunda mu rukundo rwa Kristo.  
A.S Akra, Ghana

Bwana Pasitori,

Urakoze cyane kunyohererexa igitabo cyawe cyitwa, Messiya, n'ibinyamakuru icumi. Izi mfashanyigisho zanzaniye kumenya umwuka, n'ubushake bushya bw'umurimo w'Imana mu buzima bwanjye. Nahaye bimwe mu binyamakuru inshuti zanjye z'Abakristo zari zarakonje mu kwemera, hanyuma ubwo nabasura, bose berekanye ibyishimo byinshi ko bose bari basubijwe ubuzima mu Mwuka, kandi byagenze neza biturutse mu gusoma ibinyamakuru byawe. Aba bantu bafitiye inyota ibinyamakuru byawe, none ndakwingize nyohrerereza nk'ibinyamakuru 150 na zimwe muri za Bibiliya ngo zihabwe abari guhinduka muri iyi minsi kandi bazikeneye cyane. Ndagushimiye cyane ko uzabyohereza. Urakoze cyane ku bw'uko wigisha Ijambo ry'Imana neza cyane ukaranitangana ukwizeria. Imana ishobora byose ikomeze kuguha umugisha. Ukwizeria kwimura umusozi.

Umukobwa wawe muri Kristo,  
T.O. Kumasi, Ghana

Bwana Pasitoro,

Nkoherereje indamutso ziva ahantu hose muri Ghana. Nyuma yo gusoma inyandiko yawe



<https://twitter.com/tonyalamominist>



<https://www.youtube.com/user/PastorTonyAlamo>



<https://www.facebook.com/pages/TONY-ALAMO-Christian-Ministries/729439147079523?ref=ts>

## Togo

Nshuti mukundwa muri Kristo,

Twishimiye kwakira ibaruwa yawe. Twishimiye inyandiko mwatwoherereje. Imana Iri gukora biciye muri zo. Twamaze kuyobora ubugingo 15 bwaje bugana Kristo kubera turiya dutabo kandi dusenga Imana ngo mwese ibahe umugisha.

Kubijanye n'amasede, tuzayenera, kimwe na Bibiliya ku bashya bahinduka. Uburyo ibantu bimeze ubu ntabwo twabibonera ubushobozi. Togo ni igihugu gikenny.

Dutegereje ko mwaduha amasede na Bibiliya zizakoreshwa muri kampanye ya Pasika.

Uhabwe umugisha mu izina rya Yesu, Amena.

Rev. Henry James  
Lome, Togo

iyawa, Mesiya, nishimiye cyane kubwira ko nibura nabashije kwakira Yesu Kristo nk'umukiza wanjye kandi nkemera ko yaje agapfira ku musaraba kubera jye. Mbere, nabaga mu isi itazi Imana, kandi itanazi Umwana wayo, Mesiya, ariko nyuma yo gusoma inyandiko zawe, ubu nzi ko nari naratakaye, none ubu ndiho, nari mu mwijima, ariko Imana yangaruye mu rumuri. None rero, ubu navutse bundi bushya, ndi umukristo, nkaba n'umwana w'Imana nzima. Kugeza ubu, nta Bibiliya ngira, niba bishoboka nyohrerereza imwe iri kumwe n'agatabo kawe kitwa Mesiya, kandi mubashije kunyohrerereza n'ibindi bitabo byamfasha kumenya Imana kurushaho, byanshimisha. Ubu nitabira amasengesho mu itorero ry'Abapantekoti riri Koforidua. Umwami Imana ikomeze kubaha umugisha mwinshi ku bw'imirimo myiza mwakomeje gukora.

Mugire amahoro,

D.F.

Koforidua, Ghana

# Ubuhamya bwa TONY ALAMO

(Komeza uvuye ku rupapuro rwa 3)

“Uzizera akabatizwa azakizwa; ariko utizera azacibwaho iteka.”<sup>32</sup> Niba umeze nkanje ukaba udashaka gucibwaho iteka, ahubwo ugakizwa, bwira Imana iri sengesho:

**Mwami wanje kandi Mana yan-  
jye, girira imbabazi ubugingo bwan-  
jye, jye munyabyaha.**<sup>33</sup> Nizera ko YESU  
KRISTO ari Umwana w’Imana nzima.<sup>34</sup>  
Nemera ko Yapfiriye ku musaraba  
kandi akamena amaraso ye y’agaciro  
gakomeye kugira ngo ngirirwe imba-  
bazi z’ibaya byanye byose.<sup>35</sup> Nemera  
ko Imana yazuye YESU mu bapfuye ku  
bw’imbaraga z’UMWUKA WERA,<sup>36</sup>  
kandi Akaba yicaye iburyo bw’Imana  
uba muri aka kanya akaba arikumva  
ukwicuza kwanje n’iri sengesho.<sup>37</sup>  
Nkinguye umuryango w’umutima  
wanje, kandi ndagutumiye mu mu-  
timiwanje, MWAMI YESU.<sup>38</sup> Oza  
ibaya byanje byose binuka mu  
maraso y’agaciro gakomeye wamenye  
ku musaraba i Kaluvariyo mu cyimbo  
cyanje.<sup>39</sup> Ntuzanyirukana, MWAMI  
YESU; Urambabarira ibaya byanje  
urokore ubugingo bwanje. Ndabizi  
kuko IJAMBO RYAWE, Bibiliya irabi-

vuga.<sup>40</sup> IJAMBO RYAWE rivuga ko  
ntawé Uzasubiza inyuma, nanje ndi-  
mo.<sup>41</sup> Bityo, nziko wanyumvishe, kandi  
nzi ko Wansubije, kandi nzi ko narok-  
kowe.<sup>42</sup> Kandi ndagushimiye, MWAMI  
YESU, ko warokoye ubugingo bwanje,  
kubw’ibyo nzerekana amashimwe yan-  
jye nkora nk’uko Utegeka kandi nzi-  
bukira kongera gukora ibaya ukundi.<sup>43</sup>

Nyuma y’agakiza, YESU atubwira ku-  
batizwa, tukibizwa wese mu mazi, mu izina  
rya Data, n’iry’Umwana, n’UMWUKA  
WERA.<sup>44</sup> Tukigana ubushishozi Bibiliya  
yera, tukanakora ibyo ivuga.<sup>45</sup>

KRISTO n’IMANA DATA ubu baba  
muri wowe binyuze mu mwuka wera.  
Hari uburyo ushobora kwakira kamere  
yuzuye ntatagitif y’IMANA irushah-  
ho kuba muri wowe, niko uzajya uru-  
shaho guhagarara ukarwanya ibishuko  
byanjyaney miliyon nyinshi z’ abakrist-  
tukure y’ agakiza. Sengera umubatizo mu  
MWUKA WERA. Ku mabwiriza yuko  
bakira umubatizo mu MWUKA WERA  
no kwakira birushijeho kamere y’ Imana,  
wasaba inyandiko zazu cyangwa ugaham-  
agara. Kuko umuntu utejejwe atazabona  
IMANA (Abaheburayo 12:14).

Umwami ashaka ko ubwira aban-  
di iby’ugukizwa kwawe. Ushobora  
kuba ukwirakwiza inyigisho z’ijambo

ry’Imana rya Pasitoro Tony Alamo. Tu-  
zakohererera inyigisho ku bantu. Du-  
hamagare cyangwa utwandikire kuri  
aderesi emeyiri ku bindi bisobanuro.  
Sangiza ubu butumwa abandi.

Niba ushaka ko isi ikizwa, nk’uko  
YESU abitegeka, mwikwima Imana  
umugabane wa kimwe mu icumi cy-  
angwa amaturo. IMANA iravuga ngo  
“Mbese umuntu yakwima Imana ibyayo?  
Ariko mwebwe mwarabinyime. Nyamara  
murabaza muti Twakwimye iki?  
Mwanyimye imigabane ya kimwe mu  
icumi n’amaturo, muvumwa wa muvumo  
kuko ishyanga ryose [isi yose] uko mun-  
gana mwanyimye ibyanje. Nimuzane  
imigabane ya kimwe mu icumi ishyitse  
mu bishyire mu bubiko, inzu YANJYE  
[ubugingo bwarokowe] ibemo ibyo kurya  
[ibiryo by’umwuka]. Ngaho nimubinger-  
agereshe, niko Uwiteka Nyiringabo avu-  
ga, murebe ko ntazabagomerera imigo-  
mero yo mu ijuru, nkabasukaho umugi-  
sha mukabura aho muwukwiza. Nzahana  
indyanyi nyibahora, ntizarimbura imyaka  
yo ku butaka bwanyu, kandi n’umuzabibu  
wanyu ntuzaragarika imbuto mu murima  
igihe cyawo kitaragera. Niko Uwiteka Nyi-  
ringabo avuga. Kandi amahanga yose az-  
abita abanyamahirwe, kuko muzaba igi-  
hugu kinezeza. Niko Uwiteka Nyiringabo  
avuga” (Malaki 3:8-12).

32 Mar 16:16, 2 Tes 2:12 33 Zab 51:5, Rom 3:10-12, 23 34 Mat 26:63-64, 27:54, Luka 1:30-33, Yoh 9:35-37, Rom 1:3-4 35 Ibyak 4:12, 20:28, Rom 3:25, 1 Yoh 1:7, Ibyah 5:9 36 Zab 16:9-10, Mat 28:5-7, Mar 16:9, 12, 14, Yoh 2:19, 21, 10:17-18, 11:25, Ibyak 2:24, 3:15, Rom 8:11, 1 Kor 15:3-7 37 Luka 22:69, Ibyak 2:25-36, Heb 10:12-13 38 1 Kor 3:16, Ibyah 3:20 39 Fes 2:13-22, Heb 9:22, 13:12, 20-21, 1 Yoh 1:7, Ibyah 1:5, 7:14 40 Mat 26:28, Ibyak 2:21, 4:12, Fes 1:7, Kolo 1:14 41 Mat 21:22, Yoh 6:35, 37-40, Rom 10:13 42 Heb 11:6 43 Yoh 5:14, 8:11, Rom 6:4, 1 Kor 15:10, Ibyah 7:14, 22:14 44 Mat 28:18-20, Yoh 3:5, Ibyak 2:38, 19:3-5 45 Guteg 4:29, 13:4, 26:16, Yos 1:8, 22:5, 2 Tim 2:15, 3:14-17, Yak 1:22-25, Ibyah 3:18

## Ukeneye ibindi bisobanuro cyangwa inyigisho ku zindi ngingo waba wifuza tugane

**Tony Alamo, World Pastor, Tony Alamo Christian Ministries Worldwide • P.O. Box 2948, Hollywood, CA 90078  
Amasengesho akorwa amasaha makumyabiri n’ane n’umurongo ufunguye umunsi wose kubifuza ibindi  
bisobanuro: (661) 252-5686 • Fax (661) 252-4362**

**www.alamoministries.com • taoffice@alamoministries.com**

Itorero rya Tony Alamo ku isi yose ritanga ahantu ho kuba ufite ibikenewe byose mu buzima ku bantu bose bari muri Leta Zunze  
Ubumwe za Amerika bifusa mu by’ukuri gukorera Umwami n’umutima wa bo wose, ubugingo, intekerezo n’imbaraga byabo.  
Amateraniro aba buri mugoroba saa mbili z’umugoroba. Ku cyumweru saa cyenda z’umugoroba na saa mbili z’umugoroba, ku rusengero rwa  
Los Angeles.13136 Sierra Hwy., Santa Clarita, CA 91390, +1(661) 251-9424.

**Ni Ubuntu mu kujya cyangwa kuva mu materaniro bitangirwa mu mfuruka za Hollywood Blvd. & Highland  
Ave., Hollywood, CA, buri munsi saa 6:30 z’umugoroba, ku cyumweru saa 1:30 z’umugoroba na 6:30 z’umugoroba  
Buri kuwa Kabiri saa mbili za nimugoroba mu mujyi wa New York no mu bindi bice mu masaha ya nimugoroba tugira amateraniro,  
hamagara kuri +1(908) 937-5723 uhabwe ibisobanuro birambuye. NYUMA YA BURI TERANIRO DUSANGIRA IFUNGURO.**

Saba Igitabo nya Pasitoro Toni Alamo kitwa Mesiya, kikwereka CHRISTO. Uhoreye mu Isezerano rya Kera byahishuwe mu buhanzi bugera kuri 333.  
Ba umukozi mu murima isarurirwamo ubugingo, bikore ukwirakwiza inyigisho za Pasitor Tony Alamo.  
Inyandiko zazu zose n’ubutumwa bw’amajwi bitangirwa Ubuntu, harimo no kubyohereza mu bwato.  
Niba hari uhirahiye ashaka kuzikwisyuza, duhamagare kuri +1(661) 252-5686 (ihamagarwa ku bantu).

**IYI NYANDIKO IFITE UMUGAMBI W’UKURI W’AGAKIZA (IBYAK 4:12).**

**WIYIJUGUNYA, YIHE UNDI MUNTU.**

**Ku bari mu bindi bihugu, turabashishikariza gushyira iyi nyandiko mu rurimi rwanyu. Igihe mwongeye kuzisohora,  
ntimukibagirwe gushyiraho ibijyanye n’iby’ umutungo bwite mu by’ubwenge kandi mu kazandikisha:**